

A Aburhamu: Umuhanuzi w'isezerano

- ❖ Aburhamu ni we muntu wa mbere wiswe “umuhanuzi” (Itangiriro 20:7). Yahamagawe n’Imana ubwayo, asabwa gusiga kuramya ibigirwamana n’ubusambanyi byari ahamukikije akajya ahantu atazi (Itangiriro 12:1).
- ❖ Umuhamagaro wazanye n’amasezerano menshi. Yajyaga guhabwa umugisha w’Imana, yajyaga gushyirwa hejuru, kandi binyuze muri we, umugisha ukagera ku “miryango yose yo mu isi” (Itangiriro 12:2–3).
- ❖ Yakiriye ate umuhamagaro? “Kwizera ni ko kwatumye Aburhamu yumvira Imana imuhamagariye kujya aho yari agiye kuragwa, nuko agenda atazi iyo aya” (Abaheburayo 11:8).
- ❖ Nk’umuhanuzi, Aburhamu ntiyahamagariwe gutangaza ibyago byari bigiye kuza, ahubwo yahamagariwe kumenyekanisha Imana y’ukuri no guhishura isezerano ry’agakiza kabonerwa muri Mesiya.
- ❖ Mu gihe Aburhamu (izina rye rya mbere ryari Aburamu) yamaze i Kanani, yahuye n’Imana inshuro nyinshi, aho yakiriye ubutumwa butari bumwe:
 - I Shekemu yasezeranijwe ko urubyaro rwe rwajyaga kuragwa igihugu cya Kanani (Itangiriro 12:6–7)
 - I Beteli, Imana yongeye kuvugurura isezerano ryayo, imubwira ko urubyaro rwe ruzangana n’ “umukungugu wo hasi” (Itangiriro 13:14–18)
 - I Mamure, yiringijwe ko urubyaro rwe ruzangana n’inyenyeri. “Aburamu yizera Uwiteka, abimuhwaniriza no gukiranuka” (Itangiriro 15:1–6)
 - Muri ako kanya, Imana yagiranye isezerano na Aburamu, inyura hagati y’ibitambo (Itangiriro 15:7–21)
 - Imana yahinduye izina rye n’irya Sara, kandi imwiringiza ko urubyaro rwe ruzakomoka mu muhungu wa Sara (Itangiriro 17:1–8, 15–16)
 - Mu buryo bugaragara, Imana yabonekeye Aburhamu, iri kumwe n’abamarayika babiri, maze imumenyesha ivuka rya Isaka (Itangiriro 18:1–2, 10)
 - Imana yasabye Aburhamu gutamba umwana we Isaka. Mu gutanga igitambo cy’incungu, yahishuriwe umugambi ukomeye wo gucungurwa (Itangiriro 22:1–3, 9–13).

B Eliya: Umuhanuzi w’ivugurura

- ❖ Ahabu na Yezebeli ni bo bari baratumye ubwoko bwa Isirayeli bugwa mu buhakanyi bukomeye. Bake gusa ni bo bakoreraga Imana; abandi basengaga Bayali, Ashera n’izindi mana. Ni muri urwo rwego, Imana yahamagaye umuhanuzi Eliya kugira ngo agarure umubano wayo n’ubwoko yatoranyije (1 Abami 17:1).
- ❖ Nyuma y’imyaka myinshi y’amapfa, Eliya yararitse Abisirayeli ku musozi wa Karumeli kugira ngo abashishikarize kugarukira Imana, ariko ntibumviye (1 Abami 18:21). Byasabye igitangaza kugira ngo bamenye Imana y’ukuri (1 Abami 18:30–39).
- ❖ Ubutumwa bw’umuhanuzi Eliya—bwo kureka kuramya ibigirwamana, bagahindukirira Imana—buzatangazwa mu mbaraga mbere yo Kugaruka kwa Yesu. Intego yabwo y’ibanze: gusana igicaniro cy’umuryango (Malaki 4:5–6).
- ❖ Binyuze mu muryango, kuramya kuzasubizwa agaciro mu itorero, mu miryango no mu mahanga. Ni nde uzasohozza uyu murimo? Wowe nanjye turi Eliya umuryango ukeneye uyu muni.

C Yesaya: Yahanuye ibya Mesiya

- ❖ Yesaya yahamagariwe kurarikira abantu kwemera ibyaha byabo no kwemera imbabazi z’Imana (Yesaya 1:18).
- ❖ Igihe umwami Uziya yatangaga, Yesaya yahawe iyerekwa ritangaje yari kwibuka mu murimo we wose: Imana yari mu rusengero rwayo rwera, kandi mu gihe imfatiro z’irebe ry’umuryango zanyeganyegaga, umutima w’umuhanuzi waratinye kubera ko atari akwiriye (Yesaya 6:1–5).
- ❖ Amaze kubabariwa, yashoboye gutangaza ashize amanga ubutumwa bw’Imana : “Ndi hano, ba ari jye utuma” (Yesaya 6:6–8).
- ❖ Umurimo we, wafashe igihe kirekire, ntabwo warimo gusa guhamagarira abantu kwihana, ahubwo yanatangaje cyane cyane umurimo wa Yesu, ari We Mesiya.
- ❖ Ntibitangaje ko igitabo cya Yesaya cyitwa “imbanziriza-butumwa bwiza” (Ubutumwa bwiza bwabanjirije Ubutumwa Bwiza).
- ❖ Igice cya 53 cy’igitabo cya Yesaya kirimo ubusobanuro burambuye ku nama y’agakiza yasohojwe na Yesu:
 - Igikundiye Cye nticyari mu bigaragara, ahubwo mu bya mwuka (umur. 2)
 - Yarasuzugurwaga, yamenyerereye intimba, yaranzwe (umur. 3)
 - Nubwo yakijije benshi, ntabwo bamwemeye (umu. 4)
 - Binyuze mu rupfu Rwe ku musaraba, aduha agakiza (umur. 5)
 - Imana yamushyizeho gukiranirwa kwacu kose (umur. 6)
 - Ntiyigeze yiregura imbere y’abantu bamushinjaga (umur. 7)
 - Yarahemuwe, acirwaho iteka ry’urupfu (umur. 8)
 - Yahambanywe n’umutunzi (umur. 9a)
 - Ntiyigeze acumura (umur. 9b)
 - Nyuma y’urupfu Rwe rw’impogano, yarazutse (umur. 10)
 - Umunsi uri izina azabana n’abo yacunguye (umur. 11)
 - Kugeza icyo gihe, ubu aradusabira (umur. 12)

D Daniyeli: Umuhanuzi w’ahazaza

- ❖ Kuva mu ntangiriro, Daniyeli yari azwiho kuba indahemuka. Yabaye indahemuka mu mirire (Daniyeli 1:8), mu kubahisha Imana (Daniyeli 2:27–30), mu guhanurira akaga Nebukadinezari (Daniyeli 4:19), mu kwamagana icyaha cya Belushazari (Daniyeli 5:22–23), yari indahemuka mu mibereho ye yo gusenga (Daniyeli 6:10).
- ❖ Ikiyongereye ku butumwa Daniyeli yatanze mu buzima bwe, yahamagariwe gutangaza kwimikwa no guhanguka k’ubwami bukomeye bw’isi: Babuloni, u Buperesi, u Bugiriki, Roma n’u Burayi (Daniyeli 2; na 7–12).
- ❖ Ikigeretse ku buhanuzi bw’ubwami bukomeye, Daniyeli yanatangaje Urubanza (Daniyeli 7:9–10) n’igihe nyacyo cyo kuza kwa mbere kwa Yesu (Daniyeli 9:24–27).
- ❖ Ubuhanuzi bwe budufasha muri iki gihe gutangaza isohozwa ry’igice cyabwo kitarasohora: kuza k’Ubwami bw’Imana (Daniyeli 2:44; 7:27).

E Yohana Umubatiza: Umuhanuzi w’integuza

- ❖ Kimwe n’abandi bahanuzi—nka Samweli cyangwa Yeremiya—Yohana yatoranyijwe mbere yuko avuka. Yahamagariwe gukora umurimo wa Eliya, nk’integuza ya Mesiya (Luka 1:1–17).
- ❖ Imibereho ye yoroheje, no gushira amanga kwe mu kwerekana icyaha no kurarikira abantu kwihana byihuse, byatumye benshi babatizwa (Mariko 1:4–6). Umurimo we wabaye ikimenyetso cy’impinduka muri Isirayeli, ibyo Satani yashoboye kurwanya binyuze mu kumwicisha gusa (Luka 9:9).
- ❖ Umurimo wa Yohana (wari n’umurimo wa Eliya) ubu ni wo murimo wacu. Twahamagariwe kwitegura kuza kwa Yesu mu gutangariza abantu bose ubutumwa bwiza bwo kwihana no gukizwa binyuze mu rupfu rw’impungano rwa Yesu.
- ❖ Ntabwo ari ibintu byoroshye (si icyanya cy’indabyo). Bisaba ubudahemuka, gushira amanga no kwitanga. Ntitwiringijwe umutekano, ahubwo ubugingo buhoraho (ubwacu, ndetse n’abemera ubutumwa muri iki gihe).

UMUGEREKA: UMUHAMAGARO W’UBUHANUZI WA ELINA G. WHITE

Elina Gulude Harumoni yahawe iyerekwa rya mbere mu Ukuboza 1844, ubwo yari afite imyaka 17.

Wiliyamu Mileri yari yarasobanuye ubuhanuzi bwo muri Daniyeli 8:14 nk’ubutangaza Kugaruka kwa Yesu mu 1843. Nyuma yaho, itariki ya 22 Ukwakira 1844 yashyizweho. Ariko Yesu ntiyaje.

Muri urwo rwego, Elina yeretswe inzira iva kuri iyi si ijya i Yerusalemu yo mu ijuru, kandi abizera bategereje (Adiventisiti) baganaga mu Murwa Wera, bayobowe na Yesu. Iyo bakomezaga guhanga amaso kuri Yesu, bakomezaga inzira. Iyo barebaga ahandi, baragwaga bakava mu nzira.

Muri iryo yerekwa, Imana yiringije abizera ko bari mu nzira ikwiriye. Nubwo ku ikubitiro bake ari bo bemeye Elina, yaje kwemerwa nk’umuhanuzi. Ubutumwa bwe bwateye umwete kandi buyobora Abadiventisiti kuva batangira, kandi na n’ubu baracyabikomeje.